Icyigisho Nyobozi 1

Hari icyo usigaranye cyo kwishingikirizaho?

Ibitangaza Bigaragara

Icyigisho Nyobozi

Mu bihe imibereho y'abantu yuzuye mo ingorane,mu gihe abantu uduhumbagiza kaduhumbagiza barushaho gusahura imitungo y'ibigo bakorera, mu gihe abizerwa, abayobozi mubyo umwuka bagenda bagwa mu mafuti, igihe kubeshya muri politiki bisa naho aribyo byahawe intebe cyangwa byagizwe iby' ishingiro; mu gihe abo wishingikirizagaho muri byose aribo bakubabaza bikabije, mbese hari akantu gato kaba gasigaye wakwishingikirizaho? Yego! Ushobora kwizera byimazeyo Bibiliya! Kuki? Reka turebe bimwe mu bihamya …

1. Bibiliya se ubwayo yivuga ite?

Bibiliya ivuga iti: "Ibyanditwe byera byose byahumetswe n'Imana." 2 Timoteo 3:16 "Kukw'ari ntabuhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera." 2 Petero 1:21. "Ibyanditwe ntabwo bishobora gukuka." Yohana 10:35.

Igisubizo: Yivuga ko ari Ibyahumetswe. Yanditswe n'abantu bari bayobowe n'Umwuka Wera. Ntabwo ishobora gukuka cyangwa ngo uyibonemo ibitari ukuri.

2. Yesu yerekanye ate kwishingikiriza no kwizera kwe mu Byanditswe Byera?

Yesu ati: "Byanditswe ngo, umuntu ntabeshwaho n'umutsima gusa." Kandi handitswe ngo, Ntuzageragezе Uwiteka Imana Yawe, kandi abe ari yo ukorera yonyine" Matayo 4:4,7,10. "Ijambo ryawe ni ryo kuri" Yohana 17:17.

Igisubizo: Yesu yasubirishaga ibyanditswe mu bigeragezo bya Satani. Kandi yavuze ko Ibyanditswe ari ukuri (Yohana 17:17). Ibihe byinshi Yesu yashubirishaga Ibyanditswe Byera ko ari byo byonyine shingiro ry'ukuri yigishaga.

3. Mbese Ubuhanuzi bwa Bibiliya nabwo bushimangira ibyo guhumekwa n'Imana?

Bibiliya iravuga iti: "Ndi Uwiteka…, n'ibishya ndabibamenyesha mbibabwire bitari byaba." Yesaya 42:8,9. "Nijye Mana…, mpera mu itangiriro nkavuga iherezo, mpera no mu bihe bya kera nkavuga ibitarakorwa;"

Igisubizo: Ibintu Bibiliya yavuze bitaraba maze bigasohora mu bihe biri imbere byemeza ntagushidikanya, uguhumekwa kw'Ibyanditswe Byera, uko bigenda bishyika. Reba bimwe mu byahanuwe muri Bibiliya byagiye bisohora:

A. Isimburana z'ingoma enye mw' isi: Iya Babuloni, Abamedi n'Abaperesi, Abagiriki, Abaroma (Danieli 2, 7, 8).
B. Kuro kuba umugaba w'ingabo zo gufata Babuloni (Yesaya 45:1-3).
C. Nyuma ya irimbuka rya Baburoni, ntabwo izongera guturwa ukundi (Yesaya 13:19,20; Yeremiya 51:37).
D. Misiri (Egiputa) ntabwo izongera kugira ubuyobozi mu mahanga (Ezekiyeri 29:14, 15; 30:12,13).
E. Ihindagana n'ibyago mu Isi n'ubwoba mu bihe by'imperuka (Luka 21:25, 26).
F. Guta agaciro mu mibereho no gusigingira mubyo umwuka byo mu minsi y' imperuka (2 Timoteyo 3:1-5).

4. Mbese dushobora kubona ibintu by'ubugenge byaba byemezwa n'ubushakashatsi uko bibiriya yari yarabivuze?

Bibiliya ivuga iti: "Amateka yawe yo gukiranuka ahoraho iteka ryose (Zaburi 119: 160). Umwuka … azabayobora mu kuri kose Yohana 16:13.

Igisubizo: Yego. Bibiliya ni ukuri. Umwuka Wera wayoboye abanditsi bayo iteka avuga ukuri. Ngibi bimwe mubyo Bibiliya yavuze byemejwe n'ubumenyi bw' isi:

A. **Yamanitse isi ku busa (Yobu 26:7).** Iri hame mubumenyi bw'isi rikomoka kuri Yobu igitabo cya cyabanjirije ibindi byose bya Bibiliya.
B. **Iyo niyo … yicaye hejuru ku ruziga rwa isi** (Yesaya 40:22). Bibiliya yavuga cyara cyane ko isi yiburungushuye mbere yuko umuntu abivumbura.
C. **"Kugera uburebure bwa umuyaga" (Yobu 28:25)** Mbere cyane yuko abahanga mu byo ubumenyi babimenya Imana yari yaravuze ko umwuka ugira uburemere.
D. **"Muri We (Yesu) Byose bibeshwaho nawe"** (Abakolosayi 1:17). Ijambo "bibeshwaho" aha risobanura "gufatanirizwa hamwe" cyangwa "gufatanywa." Abasobanuzi benshi ba Bibiliya barikoresha mu "gufatanirizwa hamwe." Iki kikaba ari igisubizo ku gutangara kw'abashakashatsi ba atome nuclear (soma atome nikeleyeri) ku byerekeye ikibazo cya atome. Ibanga cyangwa iyobera rya "atome" ntabwo ari umubare wayo n'ibinyagihumbi biwugeretseho ahubwo ni kuki idasandara ngo iguruke?"
Ubuhanga mu byo mu isi buti yagombe, ariko ntabwo ibikora. Abahanga mubyo ubumenyi bwa isi batangarira imbaraga mu kuri kuribo itazwi, iyifatanya. Bibiliya iti iyo mbaraga-nyobera ni Umuremyi, Imana Ubwayo.

5. Mbese hari ibintu shingiro mu kwitungira amagara biri muri Bibiliya bikigenderwaho muri iki kinyejana cya 21?



Igisubizo:
A. Gutwikira cg gutaba ibyo umuntu yitumye ivuye (Gutegeka 23:12, 13).
Mugihe cya Mose Bibiliya yateganyaga ko ibiva mu mubiri w' umuntu byose bitabwa hirya y'ingando bigatwikirizwa igitaka, ibi bigaragara ko yari imbere imyaka ibihumbi ku gihe barimo. Iyo ibiva mu mubiri w'umuntu bidahambwe neza, indwara zaduka vuba kandi zigatera abantu benshi binyuze mu kuvoma amazi, cyangwa kudakaraba intoki. Ubu buryo bukomoka kuri Bibiliya bukomeje gukiza ubugingo bw' imbaga nyamwinshi.

B. " Itubuza gusambana." 1 Abakorinto 10:8.
Ijambo gusambana ryerekana uburyo bwose bukoresha mu mibanire y'abashakana cyangwa abaryamana (Soma Abalewi 18 umenye urutonde rw' ibizira). Iyo nama zigaragara zitanzwe muri Bibiliya zikurikijwe, abantu bagira ntibagira ibibazo cyangwa se bagira bike byaba bikomoka ku ndwara ziterwa n'ibitsina nka mburugu, syphilis cyangwa Sida. Ikindi nuko ikigeragezo cyo gukuramo inda yaje idashakwa iba itakibayeho.

C. Reka Ibisindisha (Imigani 23:29-32).
Iyo ubu buryo buhebuje gutanga umuti w'icyo kibazo buba bukurikizwa, tekereza agaciro kabyo:

Kwanga kureka ibisindisha byateye amajune cg akaga ku bantu benshi.

1. Miliyoni z'abasinzi b'inzoga zose zihindutse abantu bita ku magara yabo, abene gihugu baba inyanga mugayo.
2. Milioni z'imiryango yakwongera kubana.
3. Milioni z'ingo nyishi zasenyutse zasubirana

4. Ibihumbi ka bihumbi by'ubugingo byakizwa no gutwara imodoka mu bwitonzi.
5. Ibihumbi byinhsi by 'abategetsi,abikorera ku giti cyabo, abahanga mu by'ubuyobozi bajya bafata ibyemezo byatekerejwe neza no mu mucyo.
6. Za biliyoni z'amadolari menshi zashorwa mu kwita ku kiremwa muntu.

Ibyokuzirikanwa: Imana ntabwo itubwira uko dushobora gutera imbere n'umunezero gusa mu bihe nka ibi byugarijwe n'ingorane z'ingutu. Ahubwo Iduha imbaraga idasanzwe yo ku bikora (1 Abakorinto 15:57; Abafilipi 4:13; Abaroma 1:16). Ibyishingiro by'ubuzima bbiboneka muri Bibiliya biracyari ibyo agaciro gakomeye kandi birakenewe cyane nyama nibake cyane babyumva.. *(ushaka mumenya byinshi soma icyigisho-Nyobozi cya 13.)*

6. Mbese ibyo bibiliya ivuga ku mateka y'Isi nta kwibeshya kurimo?
Bibiliya ivuga iti: "Jyewe Uwiteka mvuga ibyo gukiranuka, Mbwiriza amagambo atunganye" (Yesaya 45:19).

Igisubizo: Yego, Amateka yanditswe muri Bibiliya ntabwo akuka. Limwe na limwe ibivugwa by'igihe gito ibimenyetso byabyo bishobora kudahita biboneka, ariko biratinda ibihamya bikigagaza. Reba bimwe muri ibi bikurikira:

A. Ibihe byinshi byashize abashidikanya Bibiliya bavuga ko itemewe kuko ivuga igihugu cy' Abaheti (Gutegeka 7:1) batarabayeho cyangwa imigi nka Niniwe (Yona 1:1,2), Sodomu (Itangiriro 19:1), bahakanaga ukubaho kwabyo. Ariko ubu abahanga mu bushakashatsi bw'ibya kera bahamije ko iyo migi uko ari itatu, yabayeho.

B. Abandi bajoraga cyangwa bavugaga ko Bibiliya itagira ukuri bavugaga ko ivuga ko Belushaza yari umwami (Danieli 5:1) na Sarigoni (Yesaya 20:1) kandi batarabayeho. Nyamara na none ubushakashatsi mu ibyo amateka y'ibyakera bwagaragaje ko babayeho.

C. Abatanyurwa cyangwa abashidikanya na none bavugaga ko ibyo Mose yanditse bitakwizerwa kuko byerekana inyandiko zo mu (Kuva 24:4) amagare afite ibiziga (Kuva 14:25), ko byombi bitabayeho muri icyo gihe. Nyamara ubu byemerwa ntashiti.

D. Mu igihe kimwe cyo kwirema ibice kw'abana b'israeli Bibiliya yonyine niyo yanditse ko habayeho abami 39 b' Abisirayeli n'abayuda abakiritika Bibiliya bati ibyo ni ibihimbano. Nyamara muri iyi minsi Abahanga mu bushakashatsi mu byabayeho kera babonye inyandiko zishaje (cuneiform records) zerekana benshi muri abo bami byongera gushimangira ko inyandiko zo muri Bibiliya ari amahame nyakuri atibeshya. Abajora Bibiliya rero bagenda barushaho kugaragara ko ari abanyabinyoma uko ubushakashatsi burushaho kugenda buvumbura ibyo abantu, ahantu cyangwa ibintu byabayeho kera. Kandi bizakomeza bityo.

*_The Revised Standard Version_ of the Bible (C) 1946, 1952, 1971 by the Division of Christian Education of the National Council of the Churches of Christ in the USA. Used by permission.

7. Kimwe mu bitangaza bikomeye bigize Bibiliya ni ubumwe bwayo. Gerageza kureba bimwe muri ibyo bitangaza:



A. Ibitabo bya Bibiliya mirongo 66 byandikiwe:

1. Mu ibisi (continents 3) bitatu.

2. Mu ndimi eshatu zitandukanye

3. Byanditswe n'abanditsi barenze mirongo ine (abami, abashumba, abazobereye mu by'ubumenyi, ababuranira abandi, umugaba w'ingabo, muganga);

4. Byanditswe mu myaka irenze 1500;

5. Ku ngingo zitajya zivugwaho rumwe na bose;

6. Byanditswe n'abantu, mu bihe byinshi, batigeze babonana;

7. Byanditswe n'abanditsi, n'abantu mu buryo bwinshi, batandukanye cyane mu byo bize, cyangwa aho babaye n'ibyo bari basanzwe bakora.

B. Nyamara nubwo bisa naho ari ibitashyirwa mu ntekerezo ko bishoboka

1. Ibitabo 66 bigenda byuzuzanya

2. kenshi intekerezo nshya ku kintu kigeze kuvugwa ziratangwa ariko ntizivuguruze (cyangwa ntabwo) zisenya ibyari byakivuzweho**.**

C. Kuvuga ku bitangaza

C. Kuvuga ku bitangaza !

Saba abantu batandukanye, baba baraboneye icyarimwe ikintu kiba, kubwirana icyo babonye basobanurirana uko byagenze. Bazabivuga mu buryo butandukanye cyane, kandi bigaragare ko bagira ibyo bavuguruzanyaho mu buryo runaka. Nyamara Bibiliya yanditswe n'abanditsi 40 mu myaka irenga 1500 isomwa nkaho yaba yaranditswe n'umunyabwenge umwe ukomeye. Kandi niko biri koko: "kuko ari ntabuhanuzi bwazanywe n'ubushake bw' umuntu ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana, bashorewe n'Umwuka Wera". 2 Petero 1:21. Umwuka Wera yaba niwe wari Umuyobozi wa bose. Niwe Mwanditsi nyakuri wa Bibiliya. Ibitabo bine by'Ubutumwa Bwiza bisa naho bigenda bitandukanya uburyo bitanga (event) inkuru biba bivugaho, nyamara bikagenda kimwe cyuzuza ikindi.

.

8. Nibihe bihamya bigaragara muri Bibiliya bihamya ko Yahumetswe n'Imana biboneka mu buzima bw'abantu?

Bibiliya ivuga ko: "Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize dore byose biba bihindutse bishya" . 2 Abakorinto 5:17."

Igisubizo: Igisubizo: ihinduka ry'ubuzima bw'abakurikira Yesu no kwumvira ibyanditswe byera biba inkomoko.

Kwemera Kristo no kwumvira Ibyanditswe bihindura umusinzi, umunyangeso mbi, n'umunyabyaha akaba umunyarukundo,umunyangeso nziza, umukristo w'indakemwa,ntarye ibiyobya bwenge, ntab' umusinzi, akaba intwari (munsi y'ifoto)

Umunyamerika wa umuhakana Mana, yariho asura ikirwa cyari kizwi ko gituwe n'abaryabantu. Ubwo yabonaga umusaza ukuze asoma Bibliya "aramuseka (cyangwa aramunnyega) cyane ngo kuko asuma igitabo cyuzuye mo ibihimbano (myths) byamaze gushyirwa ahagaragara". Uwo musangwa butaka waho aramusekera maze aravuga ati," Ncuti yanjye, shima Imana ko twizera iki gitabo, naho ubundi twari kuza ku kugira ifungura ryacu rya ni mugoroba". Bibiliya koko ihindura abantu. Igitangaza gihamya ko ari ijambo ryahumetswe n'Imana.

Umukristo agira muri we ibyishimo n'amahoro Abandi batabona.

9. Ni ibihe bihamya bya Bibiliya bigaragara ko ikomoka ku Mana iyo tugereranya ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera buvuga ibyo kuza kwa Mesiya n'ibyabaye mu buzima bwa Yesu mu Isezerano Rishya?

Bibiliya **ivuga iti: "Atangirira kuri Mose no kubandi bahanuzi bose, abasonurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we."Luka 24:27. "Kuko (Apolo) yatsindiraga abayuda cyane imbere y'abantu abereka mu ibyanditswe yuko Yesu ari we Kristo." Ibyakozwe 18:28. NKJV**.*

Igisubizo: Ibyari biteganijwe mu Isezerano rya kera bivuga kuza kwa Mesiya byari (accurate) simusiga, kandi bwuzuriye mu buryo bugaragara ntagushidikanya kuri Yesu w'i Nazareti, bombi Apolo na Yesu bakoresheje kugira bemeza abayuda ko Yesu ari we, mukuri, Mesiya. Hariho ubuhanuzi burenze 125 muri uru rwego. Reka turebere hamwe 12 gusa bukurikira:

Ubuhanuzi	Izerano rya Kera	Iserano rishya
1. Yavukiye I Betelehemu	Mika 5:2	Matayo 2:1
2. Yavutse k' umwali	Yesaya 7:14	Matayo 1:18-23
3. Yakomotse kwa Dawidi	Yeremiya 23:5	Ibyahishuwe 22:16
4. Yari agiye kwicwa na Herode	Yeremiya 31:15	Matayo 2:16-18
5. Yagambaniwe n'inshuti	Zaburi 41:9	Yohana 13:18, 19, 26
6. Yagurishijwe ibice by'ifeza 30	Zakariya 11:12	Matayo 26:14-16
7. Yarabambwe	Zakariya 12:10	Yohana 19:16-18, 37
8. Imyenda ye yarafindiwe	Zaburi 22:18	Matayo 27:35
9. Ntagufwa rye ryavunitse	Zaburi 34:20; Kuva 12:46	Yohana 19:31-36
10. Yahambwe mu mva y'umukire	Yesaya 53:9	Matayo 27:57-60
11. Umwaka,Umunsi,isaha y'urupfu rwe	Danieli 9:26, 27; Kuva 12:6	Matayo 27:45-50
12. Yazutse ku munsi wa 3	Hoseya 6:2	Ibyakozwe 10:38-40

Yesu yujuje ubuhanuzi 125 bwo mu isezerano rya kera buvugwa kuri Mesaya.

Dr. Peter Stoner, wari umuyobozi mukuru w'icyiciro cy'abigisha imibare, ibyo inyenyeri, injenyeri, muri kaminuza ya Pasadena muri Kalifornia, yo muri leta zunze ubumwe za Amerika, yakoranye n'abanyeshuri 600 imyaka myinshi, akoresha uburyo bwo gucishiriza kubyerekeye ubuhanuzi bwo kuza kwa Mesiya. Batoranya umunani gusa mu buhanzi bwinshi buriho, hanyuma bemeza ko amahirwe yuko ibyo ubwo buhanuzi munani bwakwuzurira ku muntu umwe mu buzima bwe ari 1.000.000.000.000.000.000.000.000.000.000.000. Nonese twavuga Iki ku uwuzuza uburenze 125 mu buhanuzi bwa Mesiya? Ntabwo byaba ari ibigwirirano!

*_Bibiliya Yera, King James ivuguye_, (C) 1979, 1980, 1982 byakozwe na Thomas Nelson, Inc. abiherewe uburenganzira.

10. Ni ayahe mahirwe akomeye afitwe n'umuntu wemera ko Bibiliya ari Ibyandtswe byahumetswe n'Imana?

Bibiliya ivuga iti, "Ndajijuka nkarusha abasaza, kuko njya nitondera amategeko wigishije." Zaburi 119:100. "Ibyo wategetse bituma ndusha abanzi banjye ubwenge."Zaburi 119:98. "Nkuko ijuru risumba isi, niko … nibyo nibwira ,(bisumba) ibitekerezo byanyu." Yesaya 55:9.

Igisubizo: Umuntu wemera Ijambo ry'Imana azamenya vuba ibisubizo ku bibazo ngorabahizi abahanga baminuje mu mashuri batazigera bamenya. Urugero, Bibiliya yigisha ko:

A. Imana yaremye isi n'ibiyibamo byose mu minsi itandatu igizwe n'amasaha 24 ya buri munsi (Kuva 20:11; Zaburi 33:6, 9).
B. Umwuzure warimbuye ibyari bifite ubuzima byose ku isi uretse inyanja n'ibyari byahungishirijwe mu nkuge ya Nowa (Itangiriro ibice bya 6, 7, 8).
C. Inkomoko y'indimi zitandukanye ku munara w'i Babeli (Itangiriro s 11:1-9).

Ibyo Bibiliya ivuga by'umwuzure bitanga ibisubizo byishi abashakashatsi bo mw'isi bagishakashaka ho.

Imana yahozeho kandi izi byose, isangira natwe uko kuri kubiye muri inzo ngingo eshatu, kumenya ko tutashoboraga kubyibwira cyangwa kubyivumburira ubwacu. Ubu tumenyaho "igice" (1 Abakorinto 13:9). Kandi ubumenyi bw'Imana "ntibugira akagero." Abaroma 11:33. Abahakana-irema ntabazigera bamenya imyaka isi imaze kuko yaremanywe igereranya myaka (apparent gae) nk' Adamu na Eva. Uyu mugabo n'umugorewe bari bamaze umunsi umwe gusa kumunsi wakabiri bagaragaraga ko basheshe akanguhe. Ibipima bya Muntu ntabwo byashobora kutumenyesha igereranya-myaka. Ibyo bipimisho by'umuntu ntabwobyaba ibyiringirwa. Izere Bibiliya, uzahora imbere y' igereranya bihe ry'abanyabwenge bo mu mashuri ya kaminuza n'abanyabwenge bo mu isi.

11. Ni kintu ki kiremereye cyabaye ku isi cyatumye abayambaraga bagarukira Bibiliya?

Igisubizo: Ukugwa no kusenyuka by'abakomunisiti no kubura imbaraga bitagira ireme byo gushimangira imyigisho z'ihakana-rema byerereje cyane Bibiliya.

Ibyokuzirikanwa: *Ishyirahamwe rya Leta zibumbiye hamwe z'Abasosiyaliste zagerageje isangira- mutungo, ihakana-Mana, ndetse n'ihakana-rema, aribyo byari ingingo yari ku ruhembwe rw'ikangura- mbaga ya Marxis. Nta nakimwe muri byose cyashoboye kugumaho. Ingaruka nukoubutegetse bwa rubanda bwabonye ko hari ikintu kimwe cyonyine gishobora gukora, Barimo batabaza n'ijwi rirenga bati "Mutuzanire Bibiliya n'Abakiristo babwiriza bigisha. Tugomba ubu kwubaka ku rufatiro rutanyeganyezwa rw'amasengesho nukwizera kw'abakristo. Ntakindi na kimwe byagereranywa. Cyangwa ngo gitange igisubizo ku bibazo ngora-bahizi maze ngo bitange amahoro ku mitima y'abantu bacu. Nyabuneka mwituma dutegereza cyane! Dushaka kandi dukeneye byihutirwa Bibiliya, Imana, n'Ubukrisito." Nanone, Ukuri kw'Ijambo ry'Imana kuratsinda.*

Ihakana-rema,nka icunga mutungo rusange (communism),ryataye agaciro n'ibyiringirwa.Tugomba kwibuka ko bigizwe gusa n'inyigisho zitagira gihamy ndeste n' imyigishiriza idahamye. Dushobora kwerekana bimwe muri byo bitatu gusa:

1. *Igitabo cyanditswe na Robert Gentry "* Iyobera rito ry'irema" cyagaragaje byinshi abahakana-rema babura nyamara baribwiraga ko bafite ingingo zifatika kubyerekeye irema rikomoka kubusa (instant creation)*. (*Mystery in the Rocks*, an easy-to-understand book based on his research, gishobora kugurwa kuri Amazing Facts.)*

2. *Urugingo ruto rugize ibinyabuzima (Molecular biology's) ryerekanye ko akanyabuzima kamwe gato (single cell) kagizwe nibindi bintu byinshi ko gutuma ikintu kibaho muri ko bivuye kubusa ari ibidashoboka ukoresheje imibare izwi isanzwe.*

Ubumenyi nyakuri buhuza neza na Bibiliya kuko byose bikomoka ku Mana.

3. *Itandukana ry'imyaka ihabwa intonde z'inkuta ziboneka mu buvumo zipimwa n'abahanga mu bumenyi bw'isi bitandukanye n'ibyo bari baragiye babiha mbere, bigenda bituma abahakana rema batagira ukuri nyako bagasa naho aria bantu batagira icyo bitaho. Inyigisho y'abahakana-Mana ariyo hakana-remayemeza ko abantu n'inkima bafite inkomoka imwe ikuraho ibyuko abantu baremwe mu ishusho y'Imana. Ihakana ko Imana Ibaho, Igakuraho (disavows) muri rusange ko Yesu ari umucunguzi,igapfobya Bibiliya kandi igatesha agaciro cyangwa innyega (ridicules) ukuri ku by'ubuturo bw'iteka ryose byo mw'i ijuru. Satani akunda inyigisho y'ihakana-rema kuko irimbura ibishingikirzwaho by'inama y'agakiza. Abakominisiti barimo bigaijambo ry'Imana, twebwe se bite?*

12. Kuki Bibiliya Yera ifite uko kurarika kimenya bose?

Bibiliya Yera ivuga iti, Ijambo wavuze ni… urumuri rumurikira imigenzereze yanjye. Zaburi 119:105. "Ibyo mbibabwiye … kandi

ibyishimo byanyu bibe bisesuye." Yohani 15:11. "Mu ishusho y'Imana… Imana Irabarema. " Intangiriro 1:27". "Mube ariko mu murikira abantu kugira ngo barebe ibyiza mukora bahimbaze So uri mu ijuru." Matayo 5:16. "Nzagaruka mbajyaneyo kugira ngo aho ndi namwe muzabeyo." Yohani 14:3."

Igisubizo: Kuko isubiza byinshi mu bibazo bigora umuntu:

A. Mbese inkomoko yanjye ni iyihe? Imana yaturemye mu ishusho Yayo. Ntabwo twavumbutse gitunguro nkuko bamwe bavuga ko dukomoka kutunyabuzima duto cyane. Turi abahungu n'abakobwa b'Imana, (Abagalatiya 3:26). Dufite agaciro gakomeye cyane ku Mana kuburyo igihe Adamu na Eva bacumuraga Imana Yahise Itanga umwana wayo w'ikinege gupfa no kwishyura ingaruka y'ibyaha byacu kugira ngo tubaturwe tube mu mudendezo. Ishaka kudusubiza ishusho Yayo, kandi, mu gihe gito, Ikadusubiza muri Edeni, Icumbi Adamu na Eva babuze.

B. Kuki ndiho? Imigambi yacu ya buri munsi yagombye kuba iyo guhishura ibisubizo by'ibibazo by'insobe byo muri ubu buzimano kwemera Yesu we gitambo kidusubiza Ishusho ye (Abaroma 8:29).

C. Mbese ahazaza hanjye hampishiye iki? Ntagutimizakugomba gukoreshwa muguteganya iby'ahazaza.Yesu azagaruka vuba kujyana ubwoko bwe mu mazu meza yabateguriye mu ijuru. Aho, mu ibyishimo n'umunezero bihebuje ubwoko bwe buzabibamo iteka n'iteka (Yohana 14:1-3;Ibyahishuwe 21:3, 4).

13. Nshima Imana ko yampaye ibisubizo nyabyo ku bibanzo ngorabahizi by'ubuzima.

Igisubizo:

Ibibazo byo gutekerezwaho

1. Nabwiwe ko Bibiliya itanga ibisobanuro birambuye biteye ishozi by'icyaha yifashishije imibereho yabamwe mu bantu babayeho banditswe muri yo. Mbese ibi koko byari ngombwa? (Abaroma 15:4)

Yego. Iki ni kimwe mu bituma Bibiliya yizerwa nk'ukuri. Akenshi abatanga imibereho y'abanditsi basimbuka bimwe mu bibi byakozwe n'abo banditsi bavugwa maze bakibanda kubyiza bakoze. Kubivuga uko byamgenze nibyo bitera abantu kwemera Bibiliya ko ari ukuri. Idahishira ibibi. Ikindi kandi nuko amayeri ya Satani ari ukwemeza abantu ko ari abanyabyaha ruharwa, Imana Itaqzashobora kubabarira. Mbega umunezero ubuzura iyo babonye n'abantu nkabo banditswe muri Bibiliya bakoze ibyaha nkabo barashoboye kubabarirwa kandi bagatsindishirizwa (Abaroma 15:4)!

2. Mbese Bibiliya yose yaba yarahumetswe n'Imana? Benshi batekereza ko ari ibice bimwe byayo gusa. (2 Timoteyo 3:16)

Bibiliya ifite igisubizo: "Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka (2 Timoteyo 3:16)". Bibiliya ntabwo irimo gusa Ijambo ry'Imana. Ahubwo ni IJAMBO RY'IMANA. Bibiliya ni ubutumwa n'igitabo shingiro mu mibereho y'ubuzima bw'umuntu. Kwirengagiza bimwe mubyo ivuga, uziteza igorane n'ibibazo bitari ngombwa.

3. Bibiliya ni igitabo cya kera gifite cyatambutswe n'amajyambere haba mu nyandiko ndetse no mu ntekerezo. Ntutekereza ko Atari byiza cyangwa nta mahoro byatanga kucyishingikirizaho kandi cyarakuwe mu bijyana n'igihe cyangwa amajyambere turimo? (1 Petero 1:25)

Oya. Uburambe bwayo nibwo buyihesha agaciro. Ibyo ni bimwe byemeza ko Yahumetswe n'Imana. Bibiliya ivuga iti: "Ariko ijambo ry'Uwiteka rihoraho iteka 1 Peter 1:25." Bibiliya ihagaze nk'urutare. Ni igitabo cy'Imana---Ijambo ryayo. Ntabwo rishobora kurimburwa. Abantu ndetse n'ibihugu bimwe byagitwitse bagerageza kugitesha agaciro no kugica burundu, ariko ahubwo nibo bitesheje agaciro.

Barapfuye, ukurwanya Bibiliya kwabo kwaribagiranye. Nyamara Bibiliya iracyariho ariyo gitabo kiri ku isonga mu bigurishwa gihora gishakwa na benshi. Milioni zakwemera gupfa kubwayo. Ubutumwa bwayo ni ubutumwa bw'Imana kandi ijana ku ijana bugezweho. Mbere yo kuryiga, senga usabe Imana gufungura umutima wawe mu gihe usoma.

4. Bamwe mu abantu bahebuje mu bwenge ku isi bize bitonze Bibiliya bizera ko ntamuntu n'umwe ushobora gusobanukirwa nayo. Niba mu kuri Bibiliya ari igitabo cy'Imana, umuntu wese ntiyari akwiriye kucyumva se? (1 abakorinto 2:13)

Abahanga bumva kandi basobanura ikintu icyari cyose usanga bashobewe bari gusoma Bibiliya. Impamvu nuko ibyo Umwuka bibonwa muburyo bw'Umwuka. " 1 Abakorinto 2:13, 14. Ibintu byimbitse byo mu Ijambo ry'Imana ntabo bishobora gusobanukirwa n'ubwonko b'umuntu w'isi nubwo yaba ari umunyabwenge kaminuza ate. Keretse umuntu ushaka mukuri kugirana ubumwe n'Imana. Umwuka Wera usobanura Bibiliya (Yohana 16:13; 14:26), ntabwo yumvwa n'umuntu wa kamere cyangwa uwo ibitekerezo ari iby'isi. Mu yandi magambo, uwicisha bugufi, n'umukristo utarize wiga Bibiliya ahabwa ugusobanukirwa kutagira akagero biva ku Mwuka Wera (Matayo 11:25; 1 Abakorinto 2:9, 10).

5. Bibiliya yuzuyemo amakosa. Wayemera ute ko yahumetswe n'Imana (Yesaya 28:9)

Amakosa rutangarirwa ngo yitwa "amakosa" muri Bibiliya byagaragaye ko ari amakoza gusa yo kudasobanukirwa kuruhande rw'abantu baba bahora bijujuta. Nabwo ari amakosa na gato. Ahubwo ni ukuri baba bumvise nabi. Bibiliya Yahumetswe n'Imana:

1. Izahora ivuga ukuri.
2. Ntabwo izigera ikuyobya.
3. Ishobora kwizerwa yose.
4. Niyokwizerwa kandi ifite ubutware butari gusa mubirebana n'Umwuka ahubwo n'ibindi bintu byose ivuga birimo n'iby'amateka y'isi ndetse 'ubuhanga-genge.

Satani ahora acukumbura ibitaribyo mu Ijambo ry'Imana uretse ko ibyo bidatangaje. Yabonye ngo n'amakosa y'Imana mu ijuru. Abandukuraga Bibiliya bashobora kuba hari hamwe na hamwe baba baribeshye, Ariko n'ibintu nkibyo cyangwa amakosa yaba yaratumye ukuri kwayo guhindura Ijambo ry'Imana kwabonetse. Ukuri ntabwo kwubakwa kumurongo umwe gusa wa Bibiliya, ahubwo kubintu byose Imana iba yaravuze kuri icyo kintu. Ntabwo tuzi ikosa nk'iryo aho ryaba ryaravuzwe ricumuza ukuri kw'Ibyanditswe. Bimwe mu byanditswe byera biracyakomeye mu kubihuza, Igihe cyose hazabaho ugushidikanya kubashaka gushidikanya, Twiringira ko n'ibyo bita amakosa bigikomeye gusobanura bizumvikana rwose neza nkuko bayagiye biba mu bihe byashize maze bikagaragara nka nkibyari byambitswe baringa (false alarms). Uko abantu barushaho gukora byose ngo basenye ibyo Bibiliya ivuga, niko umucyo wayo urushaho gusakara hose.

Ibibazo cyangwa se umukoro

1. Ni ubuhe buhanuzi bwuzuye bugaragaza neza ko Bibiliya yahumetswe n'Imana? (4)
___ Kuro yagombaga igarurira Baburoni.
___ Ronald Reagan yagobaga kuba umuperezida w'Amerika.
___ Egiputa ntabwo yagombaga gukomera ngo ibe igihugu kiyoboa is yose.
___ Mu minsi y'Imperuka imico y'abantu izasigingira.
___ Abadaga bagombaga kugira imyka 20 y'uruzuba.
___ Babuloni imaze kurimburwa ntabwo yagombaga kwongera guturwamo.

2. Yesu yerekanye ukwizera kwe muri Bibiliya yahumetswe n'Imana. akoresheje: (1)
___ Kuvugana ijwi rirenga ku ngingo yavugagaho.
___ Avuga ibyanditswe muriyo igihe yigishaga.
___ Amanurira umuriro kushidikanyaga.
___ Avugira kuruhimbi.

3. Ni ibihe bihamya byo mu bumemyi-genge mubiri ku rutonde rukurikira Bibiliya yari yarerekanye?(3)
___ isi ni umubumbe.

___ Umwuka ufite ireme.
___ Imana irindacg ibuza "atome" kuguruka.
___ imigabane (formule) igize amazi ni 'H_2O'.
___ Amazi y'Inyanja ni urwunyunyu.

4. Ni ayahe mahame agenga ubuzima buzira umuze aboneka muri Bibiliya?(2)
___ Kunywa amagalo ane amazi buri munsi.
___ Kureka ibisindisha ntubyegere.
___ Kwiruka buri gitondo na buri joro.
___ Kwirinda ingeso yose yo gusambana.

5. Ibintu bivuzwe kuri Bibiliya hepfo aha ni ukuri: (3)
___ Hafi abantu 40 bafashije mukwandika Bibiliya.
___ Bibiliya yanditswe mu myaka igeze ku 10,000.
___ umugabane umwe wa Bibilya niwo wahumetswe n'Imana.
___ Umwandi nyakuri wa Bibiliya ni Umwuka Wera.
___ Bibiliya ni igitabo kigurishwa cyane.

6. Ni ibihe mu bintu bikurikira byahanuraga imibereho ya Mesiya? (3)
___ Yagombaga kuvukira I Nazareti.
___ Yagombaka kuguruka ajya mu ijuru.
___ Yagombaga kugurishwa ibice by'ifeza 30.
___ Herode yagombaga klugerageza kumwica.
___ Yagombaga kubambwa.
___ Yagombaga kuzuka nyuma y'imyaka irindwi.

7. Ni irihe tegeko ryo muri Bibiliya riramutse rikurikijwe ryabuza abantu gufatwa na Sida? (1)
___ Ntugasambane.
___ Ntugasenge ibishushanyo bibajwe.
___ Ujye urya ibiryo byawe ku masaha agenywe buri munsi.

8. Ni ibihe byukuri bivugwa ku ihakana-rema(3)
___ Ni theory (teori) itarashimangirwa.
___ Irwanya ubukriristo.
___ Ni gihamye nyakuri.
___ Yemeza ko umuntu n'inyamaswa bifite inkomoko imwe.
___ Ihame ryayo shingiro ni Ubucungamari rukomatanyo (comunisume).

9. Ni ibihe bintu bikurikira byemeza ko Bibiliya yahumetswe n'Imana? (5)
___ Imibereho ivugwa na Bibiliya iaba ari myiza cyangwa ari mibi.
___ Ihindura imibereho y'abantu bose bayikurikiza.
___ Ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera bwo kuri Mesiya bwujujwe na Yesu.
___ Yahanuye ivuka ry'ubwami cg ingoma enye.
___ ukutavuguruzanya kwayo.
___ Ivuga umunsi n'isaha Yesu azagarukiraho.

10. Imana yaremye isi mu masaha 24 y'umunsi. (1)
___ Yego
___ Oya

11. Nowa mu minsi ya Nowa umwuzure warimbuye icyaremwe cyose uretse iyari munyanja no mu nkuge imbere. (1)
___ Yego
___ Oya

12. Itandukaniro ry'indimi ku isi ryatangiriye ku munara w'I Baberi. (1)
___ Yego
___ Oya